Itangazo rigenewe abanyamakuru

Ikoraniro rya mbere ryo kuzirikana abahitanywe na coup d'État yo kuwa 5 Nyakanga 1973 mu Rwanda

Italiki : 16 Kanama 2014 **Aho bizabera :** I Buruseli

Mu rwego rwo kuzirikana abahitanywe na coup d'État yo kuwa 5 Nyakanga 1973

- Imiryango y'abazize ifatwa ry'ubutegetsi ku ngufu n'abasirikare mu Rwanda tariki 5 Nyakanga 1973 irazirikana abo bari barashakanye, ababyeyi babo cyangwa ba sekuru na sekuruza babo bishwe bunyamaswa bakorewe iyicwa rubozo n'abasirikare bari bamaze kwiha ubutegetsi, bakoresheje intwaro.

- Iyi miryango yose ntiyigeze igira uburenganzira bwo kuyaga no gutabarwa. Hafi ya yose ntiyigeze imenya irengero ry'imirambo y'ababo. Birumvikana ko kubasezeraho no kubaherekeza bitashobotse.

Umuhango w'amasengesho wo guherekeza izo Nzirakarengane
Imiryango yambuwe bunyamaswa abakuru bayo, ababyeyi cyangwa ba sekuru kubera ifatwa ry'ubutegetsi n'abasirikare tariki ya 5 Nyakanga 1973, yahise icuzwa uburenganzira bw'ibanze n'inshingano zo kwifatanya na bo ngo bakorerwe umuhango uwo ariwo wose wo kubasezeraho no kubaherekeza mu kwemera kwa buri wese.
Uyu muhango w'Amasengesho ni uburyo bwo kubasezeraho no kubifuriza iruhuko ridashira.

Uburenganzira bwo kwera no kwirabura
Nyuma y'imyaka 41 y'intimba, nta n'uburenganzira na mba bwo kuyaga cyangwa kuyagirwa twe basize inyuma twigeze tugira, igihe kirageze, ku babishoboye, ngo baruhuke ingoyi y'ibikomere bikibashegesha umutima.
Ni n'umwanya wo kwifatanya n'inshuti tugasangira ishavu, akababaro no kwizera, tukanagaruka ku kitwibutsa abacu. Ni umwanya kandi utagira uko usa wo gushimira ababasimbuye mu kutubera ababyeyi, kimwe n'abandi bose batugaragarije ko bifatanyije natwe muri ayo makuba.

Guha icyubahiro abacu
Abapfakazi n'imfubyi ntibigeze bamenya imibereho ya nyuma y'abagabo babo, ababyeyi babo cyangwa ba sekuru. Imirambo ya hafi ya bose ntawamenyeshejwe icyo yakoreshejwe.
Uyu muhango ni intangiriro y'ibikorwa n'ihererekanya ryo kubazirikana bose. Ni intambwe ya mbere yo kubasubiza icyubahiro bakwiye; ubuzima bwabo, cyane cyane imibereho yabo ya nyuma kuri iyi si igashyirwa ahagaragara. Na none ni intambwe yo kuzabagenera uburuhukiro nk'uko ukwemera kwabo n'umuco wacu ubyemerera ikiremwa muntu.

Abo wacaho:

Alphonse MUNYANDAMUTSA
+31 612720251
tsalmyd@yahoo.fr

Eugène NDAHAYO
+33 676758434
ndahayo_eugene@yahoo.fr

Anaclet TURATSINZE
+33 651497549
aunomdemonpaternel@gmail.com